DISCIPLES IN MISSION®
An Evangelization Experience

1

Amasomo yo ku cyumweru cya mbere cy‘igisibo

Intangiriro 2:7-9; 3:1-7
Zaburi 51:3-6, 12-14, 17
Abaroma 5:12-19
Matayo 4:1-11

Ibibazo byo gusangira ukwemera

1. Imana ni urukundo. Mbese ubona inkuru y‘umugabo n‘umugore mu busitani ishyigikiye iyi mvugo cangwa irayivuguruza? Sobanura.
2. Wumva umerewe ute iyo wibutse kp waremwe mu ishusho ry‘Imana?
3. Ese ubona imbabazi ari impano y‘ubusa, cyangwa uzibona nk‘ikintu cyigomba guharanirwa? Ubona Pawulo yasubiza ate iki kibazo?
4. Pawulo yagize igihe cyo guhinduka. Wowe se? Gira icyo ubibwiraho abandi.
5. Ni ryari mu mibereho yawe wumva wegeranye na Kristu cyane?
6. Ese wemera ko buri wese muri twe yatorewe guhugurira abandi iby‘urukundo rw‘Imana? Ese ubona twabigeraho dute?

Inzira z‘ibikorwa

1. Tekereza ku byemezo wafashe mu cyumweru gishize. Ni ibihe byagize akamaro mu mubano wawe n‘Imana? Mu mibanire yawe n‘abandi? Ese wishimiye ibyemezo wafashe? Igisibo ni umwanya wo guhinduka. Saba Imana inema ukeneye ngo uhitemo ibigufitiye akamaro.
2. Muri iki cyumweru utekereze ku umuntu ukiriho ugeza urukundo rw‘Imana kubarusonzeye, hanyuma ubiganirire umuntu w‘inshuti cyangwa umuvandimwe.
3. Vuga icyo ubona aho utuye(mu muhana wawe), muri paruwasi yawe, cyangwa mu mujyi utuyemo, kibuza abantu kuba mu rukundo n‘amahoro Imana itwifuriza. Ese hari icyowakora ngo ibyo bihunduke? Fata icyemezo cyo kugikora!
4. Senga Zaburi 25

DISCIPLES IN MISSION®
An Evangelization Experience

2

Amasomo yo ku cyumweru cya kabiri cy‘igisibo

Intangiriro 12:1-4a
Zaburi 33: 4-5, 18-20, 22
2Timoteyo 1:8b-10
Matayo 17:1-9

Ibibazo byo gusangira ukwemera

1. Wemera ko watorewe ubutungane? Ese ni ko wamye ubitekereza? Sobanura.
2. Ni ibihe bibazo wakwibaza cyangwa ni mpungenge ki wagira ubwiwe aya magambo, “Haguruka uve mu gihugu cy`abavandimwe bawe”?
3. Ese uri muri iki gihugu uva mu kindi gihugu? Mbese wafashe urugendo ku bushake bwawe, cyangwa warabihatiwe(cyangwa ababyeyi bawe)? Imana yabigufashijemo ite?
4. Wemera ko Imana igufitiye gahunda, ko nugendera mu bushake bw‘Imana iyo gahunda izigaragariza mu mibereho yaho? Ni bikorwa ki bigufasha gusubiza iki kibazo?
5. Ese umuryango wawe ugira urhare runini mu mibanire yawe n‘Imana no mu byo utekereza ko Imana igukenewe. Sobanura.
6. Mbese ibitekerezo byawe ku cyo Imana ishaka ko uba cyangwa ukora byaba byarahindutse mu myaka yahise? Sobanura

Inzira z‘ibikorwa

1. Tangiza umunsi isengesho. Ibuka uko Imana yaguhaye umugisha. Hanyuma usabe Imana guha umugisha ibyo utekereza, ibyo uvuga, n‘ibyo ukora.
2. Buri mugoroba, subiza amaso ku byemezo wafashe muri uwo munsi. Birakwerekeza he? Saba Imana igufashe gutega amatwi Mwana no gukurikira ijwi ry‘Imana.
3. Imana iri mu gihe icyo ari cyo cyose. Soma Zaburi 33. Hitamo umurongo wo gusoma igihe cyose muri iki cyumweru. Reba niba bigufasha kumenya ko Imana iturimo.
4. Shakisha impungenge(impamvu y‘ubwoba) zikubuza kwizera Imana kurushaho. Icara hasi n‘izo mpungenge mu gihe uteze amatwi Yezu uguma kukubwira ati, “Humura.” Soza igihe cyawe cy‘amasengesho utura Imana izo mpungenge.
5. Reba aho utuye cyangwa muri paruwasi yawe niba hari imiryango ije vuba iva mu kindi gihugu. Ni gute itsinda ryawe ryababera Martin de Porres? Mbese mushobora kubaha ibyo kurya, kubifuriza ikaze cyangwa kugirana ubushuti nabo?

DISCIPLES IN MISSION®
An Evangelization Experience

3

Amasomo yo ku cyumweru cya gatatu cy‘igisibo

Intangiriro 17:3-7
Zaburi 95:1-2, 6-9,
Abaromani 5:1-2, 5-8
Yohani 4:5-42

Ibibazo byo gusangira ukwemera

1. Ese ubona Imana yari yegerereye abantu bo mu gihe cy‘Isezeran rya kera kurusha kurusha ubu? Yego kuki, oya kuki?
2. Ese aha iwacu haba hari abantu(amagurupe) barebwa nk‘abadasukuye cyangwa banenwa? Ni bande? Uratekereza ko twe ababatijwe dufite inshingano yihariye yo kwita kuri abo bantu twita intabwa? Sobanura
3. Mbese wumva Kristu ari muri twe ubu? Sobanura. Ni mu buhe buryo wumvise ko Kristu aturimo.
4. Ni ubuhe buryo Imana ikoresha Ivugana natwe? Ese hari igihe cyabaye wibuka ukumva Imana yarakubwiye icyo ukwiye gukora? Sobanura
5. Haba mu mvugo cyangwa se mu bikorwa, hari ubwo waba warigeze kugira uwo ufasha kumenya Kristu? Sobanura. Ni ubuhe buryo bukubangukira? Ni ubuhe butakubangukira? Kubera iki?

Inzira z‘ibikorwa

1. Mu minsi mike iri imbere, uzagire undi muntu uganirira uko(uburyo bumwe) wamenye urukundo rw‘Imana n‘impuwe zayo, binyuze mu mvugo cyangwa ibikorwa by‘undi muntu.
2. Tekereza ko Yezu ari kukuvugisha. Mutekereze akwitegereza. Tekereza akubwira ati, “Amazi nguhaye azahinduka isoko muri wowe, ivuburira gutanga ubungingo buhoraho” (reba Yoh 4:14). Vugana na Yezu kuri iri sezerano.
3. Yezu yegereye abatari bazi urukundo rw‘Imana. Uko uzajya uhura n‘abandi muri iki cyumweru, ujye wibaza uti, “Igikorwa k‘impuhwe nakora ni ikihe?” Ujye ugikora!
4. Ese hari ikintu gifatika itsinda(groupe) yawe yakora muri karitsiye yawe, muri paruwasi cyangwa se mu mujyi, (cyangwa kugira uruhare mur gahunda zisanzwe) cyo guteza imbere imishyikirano n‘ubwiyunge hagati y‘abantu b‘amoko n‘amagurupe atandukanye? Sobanura.
5. Hitamo umurongo muri Zaburi ya 95. Wusome kenshi muri iki cyumweru.

DISCIPLES IN MISSION®
An Evangelization Experience

4

Amasomo yo ku cyumweru cya kane cy‘igisibo

1 Samweli 16:1b, 6-7, 10-13a
Zaburi 23:1-6
Abanyefezi 5:8-14
Yohani 9:1-41

Ibibazo byo gusangira ukwemera

1. Byaba byarakubayeho ugacira abandi urubanza ugendeye ku miterere yabo? Wumvise umeze ute?
2. Ese ushobora kwibuka ubwo imyumvire yawe yaguhumye amaso ikakubuza kubona ibintu uko biri? Vuga iyo nkuru.
3. Uratekereza ko ibyo wabonye mu buzima, byaba ibakubayeho cyangwa ibyo wabonye biba ku bandi bifite uruhare rukomeye mu kumva ukuri? Yego, kuki cyangwa oya, kuki?
4. Wumva ugukura mu kwemera nomu bwenge, cyangwa uratekereza ko bishoboka ko “waheraheje”? Sobanura.

Inzira z‘ibikorwa

1. Buri mugoroba, ujye ufata iminota mike yo kwibuka uko washubije ubwo hari uwanze kwemeranywa n‘uburyo bwawe. Usabe Imana ikwereke niba wabaye “intabera mu bushishozi bw‘ibinyura Nyagasani.” Witonze, utege amatwi igisubizo cy‘Imana.
2. Fata mu mutwe umurongo wa 3 wa Zaburi 43: “Ohereza urumuri n`ubudahemuka bwawe; bizajye binyobora…” Yisome kenshi, cyane cyane mu gihe uzaba ubonye cyangwa wumvise ikintu utumva.
3. Wite ku bantu uhura nabo muri iki cyumweru basanzwe bigizwayo(banzwe) Saba inema yo kubabona nkuko Imana Ibabona.

DISCIPLES IN MISSION®
An Evangelization Experience

5

Amasomo yo ku cyumweru cya gatanu cy‘igisibo

Ezekiyeli 37: 12-14
Zaburi 130: 1-8
Abaromani 8: 8-11
Yohani 11: 1-45

Ibibazo byo gusangira ukwemera

1. Ese ubona umushyikirano wawe n‘Imana ugengwa n‘isezerano ry‘urukundo rwayo? Wemera ko Imana yagize amasezeraono ko kandi hari ikizere cy‘uko Izayasohoza? Ukoresha ute amasezerano y‘Imana mu ngorane n‘ibibazo biri mu isi yacu muri iki gihe?
2. Ni irihe tandukanirizo riri hagati yo kugendera mu isezerano ry‘urukundo no kubahiriza amategeko ya Kiriziya? Ese iyo usubije amaso inyuma mu buzimwa bwawe hari ubwo wigeze kuba ukora kimwe ukareka ikindi? Hari ubwo wabaye nta na kimwe ukora? Hari ubwo wabikoze byombi? Sobanura.
3. Ese hari ubwo wibuka ubwira Imana uti: “Iyo ujya kuba wari uhari ibi ntibiba byabaye”? Nyuma y`aho ibyo bibereye, uracyatekereza utyo? Sobanura.
4. Yezu aragira ati: “Umuntu wese uriho kandi wemera ibyo mvuga ntazigera apfa.” Aya magambo uyumva ute? Ese ni ukuri?
5. Ni mu buhe buryo imico n‘imigirire y‘isi biboshye abantu? Ese iyo ngoyi urayumva? Gute?
6. Yezu abwira Marita na Mariya ko bahambura Lazaro bakamureka akagenda. Natwe Yezu ni ko atubwira. Ni nde uzi ukeneye kubohorwa? Ni iki wakora ngo ufashe uwo muntu kubohorwa? Ese ni gute ukenewe kubohorwa? Ni nde wakwerekera?

Inzira z‘ibikorwa

1. Fata umwanya wibuke igihe cyabaye muri iki cyumweru aho wifuzaga ko ibintu biba, Imana ikabikora ukundi. Hamagara Yezu abekumwe nawe. Murebe. Mubwire akababaro wagize kandi wumve igisubizo cye. Mwumve aguma akubwira ati:”Unyemera wese…. Azabaho”(Yoh 11:25). Umwanya w‘isengesho wawe wusozererze kuri Dawe Uri mu ijuru.
2. Buri gitondo usabe inema zo kubona Imana mu byo unyuramo ibyo ari byo byose.
3. Muri iki cyumweru iuko uzajya ubona umuntu uri kurwana n‘ibibazo by‘imibereho, jya usenga umusabire kumenya ingufu za Kristu. Ese hari icyo wakora ngo ufashe uwo muntu kwigobotora?
4. Ese hari ubwo wigeze gushyikirwa n‘urupfu rw‘umuvandimwe? Ni gute ubutumwa bwo mu ivanjiri bugufasha kubibonera igisubizo mu kwemera? Ese ushobora kugira undi ubwira uko kwemera?

DISCIPLES IN MISSION®
An Evangelization Experience

6

Amasomo yo ku cyumweru cya Mashami

Izayi 50: 4-7
Zaburi 22: 8-9, 17-20, 223-24
Abanyafilipina 2: 6-11
Matayo 26: 14- 27:66

Ibibazo byo gusangira ukwemera

1. Ese wumva umeze ute iyo utera hejuru ngo "Nabambwe!" Ese ubona kuba dusabwa gukina uruhare rwa rubanda babasabiraga Yezu gutotezwa ari byo cyangwa atari byo? Sobanura.
2. Uratekereza ko ari iki cyateye abaigishwa kwitaza Yezu? Natwe tujya tumwitaza? Gute?
3. Ku bayahudi, kuba Yezu yarapfiriye ku musaraba byatumye barushaho guhakana ko Imana yari kumwe na we. Ese hari ubwo ujya ureba imibabaro n'ibyago by'abandi muri ubwo buryo, hanyuma ugatekereza ko bitashoboraga kuba ku muntu mwiza. Kuki?
4. Muri iki gihe turimo, benshi muri twe ntibazapfa bazira kwamamaza ubutumwa, ahubwo bazangwa kandi basuzugurwe, akato n'irungu nibyo bazabona. Ese hari ubwo ibi byigeze kukubaho bitewe no kwamamaza Inkuru Nziza no kurwanya sekibi? Mu masomo yo kuri iki cyumweru, ni iki cyagufashije?
5. Ubu turi mu bihe byo kwizihiza iyamamaza ry'Inkuru Nziza. Ese ubaye uwo gusobanurira iyi Nkuru Nziza umuntu utarigera ayumva na rimwe, wavuga iki? Ese wemera iyi Nkuru Nziza? Ese imibereho yawe hari icyo iberaho abandi ikigisho cy'iyi Nkuru Nziza? Sobanura.

Inzira z'ibikorwa

1. Igihe cyose uzajya uhura n'ingorane cyangwa ibitakunejeje muri iki cyumweru, ujye wunga ubumwe na Yezu. Ubiture Imana ugira uti: "Turakuramya wowe Kristu, kandi turagushima, kuko wakirishije isi umusaraba wawe mutagatifu!"
2. Ba mu mihango ya liturijiya yo kuwa Kane Mutagatifu, kuwa Gatanu Mutagatifu n'Igitaramo cya Pasika. Gira uwo utumira muzane. Buri gihe usabe inema yo kumenya Yezu kurushaho no gusobanukirwa neza uruhare rwawe mu mugambi w'Imana.
3. Wite ku myifatire yawe mu gihe ubonye abantu baguweho n'ibyago. Wibaze ko Yezu abareba ari ku musaraba. Ese ubabona nk'uko Yezu ababona?